

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA

Madame Jeannette KAGAME

MU IHURIRO RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI, Igice cya II

Kigali Convention Center,

Kuwa 27 Ukwakira 2017

Ba Nyakubahwa mu nzego nkuru z'igihugu cyacu, Dr Obi, Batumirwa bacu bahire, Ntwararumuri bavandimwe duteraniye aha,

Mwaramutse neza !

Nshimishijwe no kongera kubona duteraniye hano mu Ihuriro rya 10 ry'Intwararumuri, rifite insanganyamatsiko igira iti: «**Ubudasa bw'u Rwanda mu cyerekezo twahisemo**».

Mu mwiherero twabanje ejo n'abanyamuryango ba Unity Club twongeye gusubira mu rugendo twanyuzemo kugeza ubu. Twibukiranyije ko dutangira, twifuzaga gufasha abo twashakanye bari mu nshingano zitoroshye, zo kongera kubaka u Rwanda rwari rumaze guseniyuka bikabije. Izo nshingano kandi, bamwe bazikoraga bagendana imyumvire ndetse n'ibikomere bishingiye ku mateka twari tuvuyemo. Kubera ko nta yandi mahitamo twari dufite rero twahisemo kimwe mu byaramira u Rwanda muri icyo gihe, aricyo « Ubumwe bwacu » !

Ubu imyaka makumyabiri n'umwe (21) irashize, twiyemeje :

- Kunga ubumwe butanyeganyezwa,
- Kugira ubwiyunge buhamye no
- Kwita ku iterambere ry'igihugu cyacu nk'Abanyarwanda.

Muri uyu mwaka, dutekereza kuri iri huriro rya 10, twifuje kongera gufata umwanya, kugirango turebe ko turi intwararumuri nyazo.

Mu buhamya bw'abanyamuryango batandukanye, hagaragajwe ko Unity Club yatinyuye benshi, kugirango ubwo bumwe burushaho kubaho koko kandi tubukoreremo umunsi ku wundi. Bityo tubashe kuba u Rwanda buri wese yifuza kubamo.

Uyu munsi turishimira ko iyo nzira yagenze neza, Abanyarwanda tukongera kubona « **Ubudasa** » koko, nk' umusaruro w'ubumwe bwacu.

Nagirango mumfashe dushimire ubuyobozi bwacu, bwaduhaye iyo mbuto nziza, tukemera kuyibiba, none tukaba dutangiye kuganura k'umusaruro.

N'ubwo twishimira aho tugeze ariko, nti tugomba kwirara kwibagirwa ko U Rwanda rwacu rwahuye na byinshi byashoboraga gutuma rutongera kubaho.

Dukwiye kubizirikana, tukabivanamo isomo ryo gukomera ku bumwe bwacu, ndetse no gukorera Abanyarwanda mu buryo budasanzwe.

Hari Umushakashatsi witwa Stéphane Audoin-Rouzeau wabivuze neza, mu gitabo yise « **Rwanda 15 ans après, Penser et Ecrire l'Histoire du génocide des Tutsi** », yagize ati« **Byose muri jenocide yakorewe Abatutsi bisa n'aho birenga imbibi z'ibyo ubumenyi bwacu bwigeze kugeraho, uwabivuga neza ni uwavuga ati birenze aho dushyikira¹.**»

Ubudasa bw'u Rwanda bwatunguranye mu buryo twabashije gusohoka muri jenocide, tukinjira mu buzima budasubira inyuma.

Ubudasa bugaragarira kandi muri gahunda twavomye mu muco wacu zikemura ibibazo twarimo.

Bavandimwe rero mwese muri hano, Unity Club itubera igipimo kitugaragariza niba koko turi Abayobozi bakwiye, ari cyo umuntu yakwita « Leadership Test ».

¹Stéphane Audoin-Rouzeau dans Revue d'Histoire de la Shoah, 2009 « **Rwanda 15 ans après Penser et Ecrire l'Histoire du génocide des Tutsi** » sous la direction de Georges Bensoussan, Assumpta Mugiraneza et Yves Ternon,

Le paragraphe en français est « tout décidément, dans le génocide des Tutsis rwandais semble s'inscrire en dehors de tous les schémas connus. Il serait plus exact de dire : *au delà*. Or, si l'on sait bien que toute configuration historique est évidemment singulière du point de vue des sciences sociales, cet *au delà* que représente le génocide de 1994 au Rwanda ne peut pas ne pas représenter pour elles un obstacle de taille : leurs outils sont étroitement dépendants des configurations précises qui ont permis leur élaboration, et dont ils sont issus. Dès lors, est-on sûr que ces derniers ont été *si vite* opérants pour rendre compte de ce qui est advenu en 1994 au Rwanda ?Uyu mushakashatsi aherutse gusohora igitabo yise « **Rwanda, Une Initiation** »

Ituma tubasha kwipima, tukareba niba koko bwa bumwe twiyemeje bukiturimo. Maze bikaduha umwanya wo kwibuka ko tudakwiye kujenjeka, kuko ntaho twari twagera. icyo gipimo kandi, kitwibutsa ko ubuyobozi bwacu bwatweretse ubudasa tudakwiye kwirengagiza na rimwe. Ahubwo ubwo budasa bukaduha kwibuka iteka Abanyarwanda dukorera.

Tube rero abayobozi bareba kure kandi bakabona kare inzira twerekezamo abo tuyobora. Kuko dutwaye Urumuri rubamurikira.

Niyo mpamvu twifuje guhura kugira ngo turebera hamwe, imihigo yacu mu myaka 7 iri imbere ! Ubwo tuza kuba turi mu matsinda, nagira ngo mbasabe dutekereze birushijeho kuri izi ngingo zikurikira :

- ✓ Uruhare rwo kuba « Intwararumuri n'Umuyobozi » ubereye u Rwanda.
- ✓ Kubaka umuryango w'Abanyarwanda bashyize hamwe, bita ku burere bw'abana, amahoro n'iterambere mu muryango.
- ✓ Guharanira ko abadukomokaho bazasanga ibyiza twavomye mu « Ubudasa » bw'u Rwanda.

Mbere yo gusoza, ndifuza gushimira cyane Guverinoma yacu, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge buduhora hafi mu bikorwa byacu. Ndashimira abanyamuryango bafata iyambere, mu gutegura imirimo itandukanye y'Ihuriro ryacu, hamwe n'inshuti za Unity Club-Intwararumuri.

Sinakwibagirwa kandi gushimira n'izindi nzego zidufasha kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu byiciro bitandukanye.

Nkaba nifuza ko Club z'ubumwe zihuriza hamwe abayobozi mbese n'izindi, zakomeza kandi zigashinga imizi.

Dukomeze rero « ***Ubudasa bw'u Rwanda mu cyerekezo twahisemo*** » maze « ***Twubake u Rwanda twifuza*** »

Murakoze.